REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, 30 JAN 2019
Ref. Nº ED/HEC/057 /2019

INAMA Y'IGIHUGU Y'AMASHURI MAKURU (HEC)
AGASANDUKU K'IPOSITA 6311, KIGALI – RWANDA

Itangazo rigenewe abanyeshuri biga muri "Institut Supérieur Pédagogique de Gitwe" (ISPG) mu mashami abiri (2) yafunzwe ku wa 29/01/2019 ariyo: Ubuganga (Medicine and Surgery) na Laboratwari (Medical Laboratory Technology)

Hashingiwe ku cyemezo cya Minisiteri y'Uburezi cyo ku wa 29/01/2019, imaze kumurika raporo y'ubugenzuzi mu nama yahuje ubuyobozi bwa Minisiteri y'Uburezi n'inzego bireba, cyo gufunga amashami abiri (2) yigishwaga muri "Institut Supérieur Pédagogique de Gitwe" (ISPG) ariyo: Ubuganga (Medicine and Surgery) na Laboratwari (Medical Laboratory Technology) kubera ko yananiwe kuzuza ibisabwa mu kwigisha ayo mashami, nyuma y'ubugenzuzi butandukanye bwakozwe muri ISPG ndetse no kugirwa inama kenshi;

Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC) iramenyesha abanyeshuri basanzwe biga muri ayo mashami yafunzwe ko: icyemezo cyo gufunga ayo mashami kigamije gutuma bagira ubumenyi bufite ireme, kandi ko bazafashwa gukomeza no gusoza amasomo yabo mu yandi mashuri makuru afite ayo mashami, hashingiwe ku bisabwa muri ayo mashuri.

Ni muri urwo rwego abanyeshuri bigaga muri ayo mashami batumiwe mu nama izabahuza n'ubuyobozi bwa HEC ndetse n'ubwa ISPG **ku cyumweru, taliki ya 03/02/2019** kugira ngo bahabwe ibisobanuro birambuye. Inama izabera muri ISPG - Gitwe, **ikazatangira saa tatu za mu gitondo (9:00am).** Murashishikarizwa kutazabura no kuhagerera igihe.

Murakoze.

HIGHER EDUCATION COUNCIL - HEC

Dr. Emmanuel MUVUNYI
Umuyobozi Nshingwabikorwa

Scanned by CamScanner